# 26: Mana Rurema , ndagushima

1. Mana Rurema , ndagushima : Wabonetse muri Yesu. Dor' urukundo rwawe rwinshi Wakunze twebw’ abangizi ! Mana, watanz' Umwana wawe Ngw adukirish' amaraso ye.

2. Njye nguhimbaza, Mwami Yesu,Kuko wangiriy' ibambe, Kandi Unkurahw ibyaha byanjye. Muvunyi wanjye, ndagushima; Ndakwihaye, mb' uwawe rwose.

3. Wasiz’ ubwiza bwawe bwose War' ufit' ahw Iman' iri, Umber’ Intama y'igitambo, Utwar' ibyaha by'abantu. Ngukundira, Mukiza wanjye Ibyo wanyishyuriye byose.

4. Urwo rukundo rwawe rwinshi Rujya runtangaza cyane, Uko nagiriw’ ubwo buntu,
Usumba byos' akamfira !Reka ngukunde, Mwami Yesu; Iminsi yose ngushimishe.

Visit us at burundi.indirimbo.com